# 7: Nimuze mwese turirimbe

1. Nimuze mwese turirimbe, Kubw' uyu munsi wahanuwe N'abahanuzi kera. N'umunsi mwiza ukomeye, Ni h' urukundo rukomeye Rwaturutse ku Mana. Muze mwese tunezerwe turirimbe dushimira Yesu waje kudukiza.

2. Yes' afit' ishusho y'Imana, Ariko yihinduy’ umuntu Ngo twese tumumenye. Yatuzaniye amahoro,Yaje gushak' abazimiye, Yazany we no gukiza. Muze mwesedufatanye N'Umukiza, kand' aduhe Urukundo n'ubugingo.

3. Azameny' uko tubabara, Azameny' amagorwa yacu, Azadufasha rwose. Azatwigish' Imana Data.Azatumenyesh' urukundo Mu rupf' azadupfira. Muze mwese adukize, Atu zure mu mitima Atwugururir' ijuru.

4. Ni we zuba ryacu ry'ukuri, Rya tuzaniye agakiza, Riratuvira twese. N'Umwungeri Mwiz' uturinda,Ashaka ko twamugumaho, Tukamuku rikira. Muze mwese uko mwaje, Tumusange, tumurebe. Muze mwese tumwigane.

Visit us at indirimbo.com